241

D. 3. Culture

Urugamba rw'amashanyarazi ku rusumo.

1997

Entree le 04 MARS 1997
N° indicateur 806
A traiter par DCA
Classement ...............

*REPUBULIKA Y'U RWANDA*
*MINISTERI Y'UBUBANYI N'AMAHANGA*
*N'UBUTWERERANE*
*B.P. 179 KIGALI*

*Kigali, le* 17 FEB 1997
*N°.463/03.05/COOP/MULT/OR*

*Bwana Minisitiri w'Imirimo*
*ya Leta n'Ingufu*
*KIGALI*

*IMPAMVU:* *Uruganda rw'amashanyarazi ku Rusumo.-*

*Bwana Minisitiri,*

*Ibaruwa yanyu n°394/18.14 yo ku wa 07 Gashyantare 1997 yangezeho, ikaba imenyesha ko Sosiyete INTERPRO yo muli Afurika y'Epfo yemerewe kuza mu Rwanda, ikavana Gaz Méthane mu Kiyaga cya Kivu iyibyaza amashanyarazi n'ibindi, ndetse ikanubaka uruganda rw'amashanyarazi ku Rusumo.*

*Nagiraga ngo nibutse ko hasanzwe hari gahunda iteganya iyubakwa ry'uruganda rw'amashanyarazi ku Rusumo (barrage hydro-électrique de Rusumo) mu rwego rw'ubutwererane hagati y'ibihugu bine bya kano karere bihuriye mu muryango wa KBO (OBK), kandi iyo gahunda ikaba izwi na Minisiteri yanyu by'umwihariko, usibye ko amafranga yo kuwushoramo atari yaboneka, agishakishwa.*

*Byaba byiza rero tumaze kumenya uburyo urwo ruganda ruzubakwamo, kandi niba ruzasangizwa ibihugu duturanye cyangwa niba hazagirwa amasezerano yihariye n'abo baturanyi, kugirango tube twabibamenyesha hakiri kare, ejo u Rwanda rudakekakekwaho gukorera mu bwiru.*

*Mbaye mbashimiye uko mubyakira n'igisubizo cyanyu cyiza.*

*Mugire amahoro.*

***Dr. Anastase GASANA***
*Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga*
*n'Ubutwererane*

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DES AFFAIRES ETRANGERES ET DE LA COOPERATION

*Bimenyeshejwe:*
- *Nyakubahwa Bwana Perezida wa Repubulika* *KIGALI*
- *Nyakubahwa Bwana Visi-Perezida akaba na Minisitiri w'Ingabo z'Igihugu* *KIGALI*
- *Nyakubahwa Bwana Minisitiri w'Intebe* *KIGALI*
- *Bwana Minisitiri (BOSE)* *KIGALI*

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DES TRAVAUX
PUBLICS ET DE L'ENERGIE
B.P. 24 KIGALI.-

Kigali, le 26 FEV. 1997
N° 556/18.14

Bwana Minisitiri w'Ububanyi
n'Amahanga n'Ubutwererane
KIGALI.-

Entrée le 04 MARS 1997
N° indicateur 807
A traiter par ..............
Classement ..............

IMPAMVU : Uruganda
rw'amashanyarazi
rwa Rusumo.

Bwana Minisitiri,

Ibaruwa yanyu n° 463/03.05/Coop/Mult/OR yo kuwa 17.02.1997 yangezeho.

Ibikubiyemo byanyeretse ko ali ngombwa kubibutsa icyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri uko giteye, impamvu cyafashwe n'ibikenewe kugirango gishyirwe mu bikorwa.

Icyo cyemezo cyafashwe taliki ya 7.01.1997 cyemezwa burundu mu nama yo ku wa 14.01.1997 nibukije ko kibagiranye mu nyandiko.

Mu gihe cyafatwaga, nibukije ko O.B.K. (K.B.O) ifite umushinga nk'uwo, ko aliko ukulikije ibibazo ifite, bizagorana kuwushyira mu bikorwa.

Kubera izo mpamvu, bimaze kugaragara ko Sosiyete yo muli Afurika y'Epfo ifite amafaranga yo kubaka ruliya ruganda ku butaka bw'u Rwanda kandi ibyo ntibigire icyo byonona muli Tanzania duhana imbibi, Inama y'Abaminisitiri yanyemereye kumenyesha iyo Sosiyete INTERPRO ko ibonye uburenganzira bwo gutangira imishyikirano na twe ndetse no gusura aho izakorera imilimo.

Kuberako TANZANIA dufitanye urubibi bityo INTERPRO ikazajya ku ruzi rw'Akagera kuhareba neza, ikazageza n'ubwo ihatangira imilimo, birumvikana ko yabibwirwa ndetse n'ibindi bihugu byo muli O.B.K (K.B.O) bikabimenyeshwa.

Ngiyo impamvu y'ibaruwa n° 394/18.14 yo ku wa 7.02.1997 nifuza ko yagira ikiyikulikira vuba kirebana n'icyifuzo cy'u Rwanda cyo kubaka cyonyine ruliya ruganda kuko INTERPRO yatwemereye gutangira ibiganiro na twe mu mpera z'uku kwezi kwa Gashyantare 1997.

Mugire amahoro.

MINISITIRI W'IMIRIMO
YA LETA N'INGUFU

NTAKIRUTINKA Karoli.

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère des Travaux Publics et de l'Energie

BIMENYESHEJWE :

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda
  KIGALI.-
- Nyakubahwa Visi - Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'Ingabo
  KIGALI.-
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
  KIGALI.-
- Madamu, Bwana Minisitiri (Bose).

MINISUPRESS